9/30/2020

# UKO BASABA URUHUSHYA


# Iriburiro

Kurikiza intambwe zikurikira kugirango ubashe gukoresha uru rubuga rushya rwa RURA rusabirwamo impushya (Autorisation cyangwa license). Ku bindi bisobanuro mwahamagara +250 788 623 682 bakabasobanurira.

**Mbere y'uko utangira:**


- ✓ Mbere yo gusaba uruhushya, urabanza wiyandikishe kuri uru rubuga. Niba ari ubwambere, urasabwa gutanga amakuru akenewe (Telefone na e-mail n'amazina uzajya ukoresha).
- ✓ Igihe ufite ibigo byinshi usabira, ushobora kongeramo ibyo bigo byose kuri iryo zina uraba winjiriyeho bwa mbere.

# Intambwe ukoresha kugirango usabe uruhushya





**Intambwe ya 1**: Unyuze ku rubuga rwa RURA (www.rura.rw), urahasanga inzira ikugeza ku rubuga usabiraho uruhushya (www.licensing.rura.rw)

**Intambwe ya 2**: Kanda kuri "**Iyandikishe**"




**Intambwe ya 3:** Uzuza amakuru yose asabwa

**Intambwe ya 4**: Kanda kuri "**Iyandikishe**" kugirango wohererezwe kuri SMS cyangwa E-mail kode uza gukoresha kugirango wemeze ko ushaka kwiyandikisha.





**Intambwe ya 5**: Shyiramo kode wohererejwe kuri SMS cyangwa E-mail

**Intambwe ya 6**: Kanda kuri "**Ohereza**" ukomeze





**Intambwe ya 7**: Shyiramo ijambo-banga rifite nibura inyuguti/imibare 8 uzajya ukoresha unarisubiremo kugirango uryemeze

**Intambwe ya 8**: Kanda kuri "**Ohereza**" kugirango ukomeze





**Intambwe ya 9**: Injizamo telefone cyangwe se e-mail wakoresheje wiyandikisha

**Intambwe ya 10**: Kanda kuri "**Injira**" kugirango ukomeze




**Intambwe ya 11**: Kanda kuri "**Kanda hano →**" kugirango ushyiremo umwirondoro w'usaba


**N.B**: Ushobora kubanza kureba niba usaba asanzwe kuri lisiti ya RURA ukoresheje kimwe mu byangombwa byemewe nk'indangamuntu/pasiporo/TIN cg se icyangombwa cya Koperative.





**Intambwe ya 12**: Uzuza umwirondoro w'usaba

**Intambwe ya 13**: Kanda kuri "**Bika usaba**" maze ubike amakuru y'usaba

**Icyitonderwa:** Iyo amakuru y'usaba abitswe neza, uhita wakira kode y'usaba itangwa na RURA (ROC) kuri SMS na E-mail. Iyi kode ugomba kuyibika igihe cyose nk'ibanga kuko igihe ugiye gusaba uruhushya ukoresheje umu ajenti cg se undi muntu utari wowe, uzajya uyisabwa.





**Intambwe ya 14**: Kanda kuri « **Saba nonaha** » maze utangire ubusabe bwawe





**Intambwe ya 15**: Hitamo serivisi usaba

**Intambwe ya 16**: Hitamo uruhushya rujyanye na serivisi wahisemo


**Intambwe ya 17**: Kanda kuri "**Shakisha**" kugirango ubone ibisabwa ku ruhushya wahisemo




**Intambwe ya 18**: Kanda kuri « **Tangira Gusaba** » kugirango utangire kuzuza amakuru ajyanye n'ubusabe bwawe





**Intambwe ya 19**: Kanda "**Bika Ukomeze**" kugirango ubike amakuru umaze gushyiramo maze ukomeze ku yindi ntambwe ikurikira.




**Intambwe ya 20**: Ahashyirwa imigereka rusange ijyanye n'uruhushya wahisemo. Iyo ntayo urakomeza.

**Intambwe ya 21**: Ahashyirwa imigereka y'inyongera usaba abona ko ari ngombwa ariko atari itegeko. Kanda kuri "**Ongeraho**" utangire gushyiraho iyo migereka.


**Intambwe ya 22**: Kanda kuri "**Tanga ubusabe**" maze wohereze ubusabe bwawe. Niba hari amafaranga y'ubusabe asabwa, ubona Kode yo kwishyuriraho warangiza kwishyura dosiye yawe ikabona kwakirwa kuri RURA. Iyo nta mafaranga y'ubusabe asabwa, dosiye yawe ihita yoherezwa kuri RURA.




**Intambwe ya 23**: Reba umubare w'amafaranga na kode ukoresha ugiye kwishyura. Aya makuru kandi uyohererezwa kuri SMS


**Icyitonderwa:**

- ✓ Kanda kuri "**Ibirenzeho**" Urebe amakuru arambuye y'ubusabe bwawe (ntushobora kuyahindura)
- ✓ Utarishyura, ntabwo ubusabe bwawe bwakirwa muri RURA




**Intambwe ya 24**: Kanda kuri "**Fungura Icyangombwa**" maze ufungure icyangombwa cyawe.

**Icyitonderwa**: Nyuma yo kohereza ubusabe bwawe kuri RURA, itsinda rishinzwe gutanga impushya ribanza kugenzura no kwemeza ubusabe bwawe ukanohererezwa SMS irimo kode yo kwishyura amafaranga yose asabwa (ay'uruhushya, umusanzu wa RURA cg se ibihano niba ari ngombwa). Iyo umaze kwishyura ibisabwa byose uhita ubona SMS igusaba kugaruka hano wasabiye noneho ukabona gufungura icyangombwa cyawe.




**Intambwe ya 25**: Kanda kuri "**Manura Uruhushya**" urusohore cg urubike muri mudasobwa